



Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu

B.P. 269 Kigali - Tél. : 34 30 / (+250)788304878

Email : info@cndp.org.rw

Website : <http://www.cndp.org.rw>

Twitter : [@HumanRightsRW](https://twitter.com/HumanRightsRW)

Facebook : [NCHR](https://www.facebook.com/NCHR)

IMFASHANYIGISHO KU BURENGANZIRA BW'UMWANA



Kigali, Mutarama 2022

IMFASHANYIGISHO KU BURENGANZIRA BW'UMWANA

Ibice by'ingenzi bigize iyi mfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho igizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira :

- Iriburiro
- Kuki umwana agomba kurengerwa by'umwihariko
- Amahame shingiro y'uburenganzira bw'umwana
- Bumwe mu burenganzira bw'umwana buvugwa mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda
- Inshingano za buri wese mu kurengera umwana
- Ibihano biteganyijwe ku byaha bikorerwa abana
- Bimwe mu byagezweho n'igihugu mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana
- Ibyo Komisiyo ikora mu bijyanye no guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana
- Umwanzuro

I. IRIBURIRO

Umwana ni muntu ki : Umwana ni umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.¹.

Uburenganzira bw'umwana tubusanga mu Masezerano Mpuzamahanga anyuranye cyane cyane mu Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana no mu mategeko y'ibihugu. Uburenganzira bwose ni ingenzi kuko buruzuzanya. Umuntu arabuvukana kandi ntawushobora kubumwambura.

Abantu bakuru bagomba kurengera uburenganzira bw'umwana no kumuha iby'ibanze akeneye bimufasha gukura neza no kugira imibereho myiza.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo yaryo ya 19 ivuga ko umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

Intego y'iyi mfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho igamije kumenyesha abaturarwanda uburenganzira bw'ibanze bw'umwana buteganywa mu Masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda no gukangurira buri wese kubwubahiriza no kugira uruhare mu kurinda umwana ihohoterwa iryo ariryo ryose.

Uburyo ikiganiro kizatangwa

Habaho uburyo bwinshi bukoreshwa mu gutanga ikiganiro ariko muri iki kiganiro hazakoreshwa uburyo butatu. Uzagitanga azahitamo uburyo bukwiye bitewe n'icyiciro azaba aganira nacyo.

- **Uburyo bwa mbere**: Gutanga ikiganiro ubwira abahugurwa cyangwa ubasomera ibyanditse (méthode expositive, transmissive ou magistrale): Utanga ikiganiro azaha ubumenyi abahugurwa ku burenganzira bw'umwana binyuze mu bisobanuro azatanga yifashishije iyi nyandiko.

¹ Ingingo ya mbere y'Amasezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana n'ingingo ya 3(6°) y'Itegeko n°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana

Nyuma y'ibisobanuro azabaza abahugurwa ibibazo kugirango arebe ko bumvise ibyo yabasobanuriye.

- **Uburyo bwa kabiri:** Gutanga ikiganiro ukoresheje uburyo bwo kubaza ibibazo (methode interrogative ou maïeutique): Ubu buryo bufasha abahugurwa kugira uruhare mu kiganiro .

Utanga ikiganiro azifashisha ibibazo abaza abo aganiriza bijyanye n'uburenganzira bw'umwana. Azahera ku bisubizo bamuhaye, abahe ibisobanuro birambuye yibanda cyane cyane ku byo yumvise batazi cyangwa badasobanukiwe neza.

- **Uburyo bwa gatatu:** Gutanga ikiganiro ukoresheje uburyo butuma abahugurwa bakigiramo uruhare rugaragara (methode participative). Utanga ikiganiro azaha ubumenyi abahugurwa yifashishije ibishushanyo cyangwa amafoto, imikino, inyigo, inkuru, indirimbo, imikoro mu matsinda n'ibindi.

II. KUKI UMWANA AGOMBA KURENGERWA BY'UMWIHARIKO ?

Mu bihugu binyuranye, umwana afatwa ku buryo butandukanye hakurikijwe umuco wa buri gihugu. icyo abantu bose bahuriraho, ni uko umwana agomba kurengerwa kubera impamvu eshatu (3) z'ingenzi:

✚ Umwana agomba kurengerwa kuko ari umuntu

Uburenganzira umuntu abukomora kuri kamere muntu avukana. Niyo mpamvu umwana agomba kurengerwa kuko nawe ari umuntu.

✚ Umwana ni umunyantege nke

Umwana iyo avutse akenera abamwitaho bamukorera ibyo akeneye byose kugirango ashobore gukomeza kubaho no gukura neza yaba mu gihagararo no mu mitekerereze kuko aba ataragira imbaraga z'umubiri n'ubwenge bihagije kugirango agire ubushobozi bwo kubyikorera we ubwe. Akomeza gukenera gufashwa n'abandi, cyane cyane mu gufata ibyemezo bimureba hakurikijwe ikigero cy'imyaka agezemo kugeza igihe ashoboye kwirwanaho mu buzima no kwifatira ibyemezo bikwiye.

Umwana ni we mizero y'ejo hazaza

Umwana ni we muntu mukuru w'ejo; niwe uvamo umuyobozi n'umukozi mu nzego zinyuranye, umubyeyi, umuturage mwiza. Iyo atitaweho uko bikwiye ngo ahabwe iby'ibanze akeneye agira ubuzima bubi n'ejo he hazaza hakaba habi. Iyo uburenganzira bwe butubahirijwe, akura nawe atubaha uburenganzira bw'abandi kuko aba atarabikorewe cyangwa ngo abitozwe, ariko iyo yitaweho akura azi guharanira uburenganzira bwe ndetse akubaha n'ubw'abandi.

III. AMAHAME SHINGIRO Y'UBURENGANZIRA BW'UMWANA

Uburenganzira bw'umwana bushingiye ku mahame shingiro ane(4) y'ingenzi ateganywa mu masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana. Ayo mahame ashingiye ku kuba abana bafite uburenganzira bumwe kuko ari abantu kandi bose bakaba bareshya.

Ayo mahame ni akurikira :

➤ Kutavangurwa

Ihame ryo kutavangurwa, riteganywa mu ngingo ya 2 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana. Ivuga ko "Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kubaha no gukora ibishoboka byose kugirango uburenganzira bukubiye muri aya masezerano bwubahirizwe kuri buri mwana nta vangura iryo ari ryose, hatitawe ku babyeyi b'umwana cyangwa abishingizi be, ubwoko, ibara, igitsina, idini, ibitekerezo, inkomoko, ubukene, ubumuga, uburyo umwana yavutsemo n'ibindi". Bigomba gushyiraho ingamba zirinda umwana ivangurwa iryo ari ryo ryose. Iryo hame kandi rivugwa mu ngingo ya 3 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana.

Ingingo ya 5 y'Itegeko n°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana ivuga ko "abana bose barengerwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose. icyakora, ibyemezo n'ingamba byihariye bifatiwe abana bafite ibibazo byihariye ntibifatwa nk'ivangura".

Ibikorwa bivangura abana bibaho kenshi n'ubwo bimwe bititabwaho cyangwa ngo byamaganwe kuko biba byaramenyereye.

➤ **Inyungu z'umwana**

Ihame ry'Inyungu z'umwana, riteganywa mu ngingo ya 3 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana mu gika cyayo cya mbere. Ivuga ko "mu byemezo byose bireba umwana byaba iby'inzego za Leta cyangwa iby'abikorera ku giti cyabo zita ku mibereho myiza, byaba iby'ubucamanza, iby'ubutegetsu cyangwa iby'inzego zishinga amategeko, icyagirira umwana akamaro nicyo kigomba kwitabwaho mbere y'ibindi byose".

Iryo hame kandi rivugwa mu ngingo ya 4, iya 20, iya 24 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana.

Ingingo ya 137 y'Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ivuga ko ku bijyanye n'umutungo w'umwana "Umwishingizi akora ubwe ibya ngombwa byose byo kurinda no gucunga umutungo bigamije inyungu z'umwana kandi akawukoresha ku buryo bwose bwabyarira uwo mwana inyungu".

Ibikorwa umwana byose bigomba kuba bigamije kumufasha kugira imibereho myiza no kumererwa neza.

➤ **Kubaho no gukura neza**

Ihame ryo kubaho no gukura neza, riteganywa mu ngingo ya 6, igika cya 2 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana. Ivuga ko "ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo umwana abeho kandi akure neza". Iryo hame kandi rivugwa mu ngingo ya 5, igika cya 2 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana.

Ingingo ya 4 y'Itegeko n°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana ivuga ko "Umwana afite uburenganzira ku mikurire iboneye. Buri mubyeyi afite inshingano yo kwita ku mwana kuva agisamwa kugira ngo agire imikurire iboneye".

Muri make, ingingo zose z'amategeko arengera uburenganzira bw'umwana n'ibihano biteganyirizwa ababuhungabanya byose bigamije gushimangira ihame ry'uko umwana agomba kubaho, ariko kubaho byonyine ntibihagije, agomba kubaho mu buzima bwiza, agakura neza.

➤ **Kumva ibitekerezo by'umwana**

Ihame ryo gutega abana amatwi riteganywa mu ngingo ya 12, igika cya mbere y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana. Ivuga ko "ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kwemerera umwana ushobora gutanga ibitekerezo bye uburenganzira bwo kuvuga ibyo bitekerezo mu bwisanzure mu bibazo byose bireba umwana. Igitekerezo cy'umwana gihabwa uburemere bitewe n'ikigero cy'imyaka agezemo".

Ingingo ya 9 y'Itegeko n°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana ivuga ko "bitewe n'ikigero agezemo, umwana afite uburenganzira ku bwisanzure, mu mitekerereze, mu kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini abigiriwemo inama kandi abiyobowemo n'ababyeyi be cyangwa umwishingizi we".

Mu mico y'ibihugu byinshi n'u Rwanda rurimo, ntibimenyerewe ko abana bagira ijambo. Iryo hame rigamije kurwanya uwo muco utari mwiza wo gufata ibyemezo bireba abantu abana batabigizemo uruhare. Iryo hame na none rijyanye no kurinda abana ivangura.

Gutega abana amatwi bigamije ibintu bitatu (3) by'ingenzi :

- Kubarinda akarengane, nk'uko n'undi wese agomba kugira ijambo mu bimureba, kugira ngo agaragaze ibyifuzo bye, nko mu byerekeranye no kwihitiramo amashuri, umwuga, n'ibindi;
- Gufata ibyemezo bireba abana hitawe ku bitekerezo abana batanze nk'uko iby'abantu bakuru nabyo bihabwa agaciro;
- Gutoza umwana hakiri kare kuzavamo umuntu mukuru ugira uruhare muri sosiyete abamo no kubaha ibitekerezo by'abandi.

IV. BUMWE MU BURENGANZIRA BW'UMWANA BUBUGWA MU MASEZERANO MPUZAMAHANGA NO MU MATEGEKO Y'U RWANDA

Umwana afite uburenganzira nk'ubw'abantu bakuru ariko agira uburenganzira bwihariye bushingiye ku kuba ari umwana. Ubw'ingenzi twavuga ni ubukurikira:

➤ Uburenganzira bwo kubaho

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho. Ntawe ushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko (**Ingingo ya 12 y'Itegeko Nshinga**).

Uburenganzira bwo kubaho ni uburenganzira bw'ingenzi, nibwo buhatse ubundi burenganzira bwose kuko ubundi burenganzira umuntu abugira kubera ko ariho.

Uburenganzira bw'umwana bwo kubaho ni ukurinda ubuzima bwe akabungabungwa kuva agisamwa kugirango ashobore gukomeza kubaho kandi akure neza, azavemo umuntu mukuru wuzuye.

➤ Uburenganzira bwo kugira ibimuranga

Umwana wese afite uburenganzira bwo kwitwa izina akimara kuvuka, agomba kwandikishwa mu bitabo by'irangamimerere akimara kuvuka, afite uburenganzira bwo kugira ubwenegihugu (**Ingingo ya 6 y'Amasezerano Nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza by'umwana**).

Umwana wese afite uburenganzira bwo kugira izina. Umubyeyi w'umwana cyangwa undi umufiteho ububasha bwa kibyeyi afite inshingano zo kumuhitiramo izina ashaka (**Ingingo ya 38 y'Itegeko rigenga abantu n'umuryango**).

Umwana ntashobora kwitwa amazina yose ya se, aya nyina cyangwa ay'abo bavukana. Izina ntirishobora gusesereza imigenzo myiza cyangwa ubunyangamugayo by'abantu (**Ingingo ya 38 y'Itegeko rigenga abantu n'umuryango**).

➤ **Uburenganzira bw’umwana ku mikurire iboneye**

Umwana afite uburenganzira ku mikurire iboneye. Buri mubyeyi afite inshingano yo kwita ku mwana kuva agisamwa kugira ngo agire imikurire iboneye” (*Ingingo ya 4 y’Itegeko ryerekeye kurengera umwana*).



Kugirango umwana akure neza agomba guhabwa iby’ibanze nkenerwa birimo amafunguro afite intungamubiri zihagije, kugirirwa isuku, kwambikwa, kuryama heza n’ibindi.

➤ **Uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa n’iyicarubozo**

Umwana afite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose (ihohoterwa rishingiye ku gitsina nko gusambanywa cyangwa gushorwa mu busambanyi; ihohoterwa ribabaza umubiri cyangwa ubwonko nko gukubitwa, gutotezwa, guhutazwa, gusuzugurwa; gushorwa mu biyobyabwenge, gukoreshwa imirimo ivunanye n’ibindi).

Ingingo ya 16 y’Amasezerano nyafurika ku burenganzira n’imibereho myiza by’umwana ivuga ko ibihugu byashyize umukono kuri ayo masezerano byiyemeje gufata ingamba zihariye mu rwego rw’ubutegetsi n’amategeko, uburezi n’imibereho myiza y’abaturage kugirango umwana ashobore kurindwa ibikorwa iby’aribyo byose by’iyicarubozo, gukorerwa ibikorwa bya kinyamaswa no guteshwa agaciro, by’umwihariko kumurinda ikimubangamira cyose n’ihohoterwa ku mubiri cyangwa mu mutwe,

kutitabwaho cyangwa gufatwa nabi, harimo no gukorerwa ibya mfura mbi abikorewe n’umubyeyi we cyangwa undi wese umushinzwe.

➤ **Uburenganzira bwo kwitabwaho no kurindwa n’ababyeyi**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kwitabwaho no kurindwa n’ababyeyi be kandi aho bishoboka akabana na bo. Nta mwana ugomba gutandukanywa n’ababyeyi be atabishaka, keretse iyo ubutabera bwemeje ku buryo bukurikije amategeko akoreshwa muri urwo rwego, ko iryo tandukana rifitiye umwana akamaro (**Ingingo ya 19 y’Amasezerano nyafurika ku burenganzira n’imibereho myiza by’umwana**).



➤ **Uburenganzira ku burezi**

Buri Munyarwanda wese afite uburenganzira ku burezi. Ubwisanzure mu kwiga no kwigisha buremewe mu buryo buteganywa n’amategeko. Kwiga amashuri abanza ni itegeko kandi ni ubuntu mu mashuri ya Leta. Ku mashuri afashwa na Leta, uburyo bwo kwigira ubuntu mu mashuri abanza buteganywa n’itegeko (**Ingingo ya 20 y’Itegeko Nshinga**).

Uburenganzira ku burezi ni inkingi y’imibereho myiza y’abana by’umwihariko n’umuryango nyarwanda muri rusange.

Iyo uburenganzira bw’Umwana ku burezi bwubahirijwe bigira ingaruka nziza z’igihe kirekire ku buzima bwe, ku mibanire ye n’abandi, ku bwenge bwe,

kuko bituma agira ubushobozi bwo guharanira kugira imibereho myiza no kwiteza imbere ndetse akagira uruhare mu iterambere ry'igihugu.



➤ **Uburenganzira bwo kugira umuryango**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kugira umuryango avukamo, abamo, akuriramo kandi abyirukiramo, umurinda ku buryo bwose, ukamugaragariza urukundo kugira ngo yisanzure.

Uretse iyo binyuranyije n'inyungu ze, umwana washyizwe ahandi arererwa afite uburenganzira bwo gushyikirana no kubonana ku buryo butaziguye n'ababyeyi be, kubonana n'abo bafitanye isano, abishingizi be cyangwa undi muntu wese mu gihe bikenewe. Ababyeyi b'umwana washyizwe ahandi arererwa bagomba gukomeza kumuha ibya ngombwa akenera kugira ngo agire imibereho myiza (**ingingo ya 15 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

➤ **Uburenganzira ku buzima**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza bushoboka bwaba ubw'umubiri, ubwo mu mutwe n'ubwa roho (**Ingingo ya 14 y'Amasezerano nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza by'umwana**).

Buri mubyeyi cyangwa undi muntu wese ufite ububasha ku mwana ku bw'itegeko afite inshingano yo kumusuzumisha no kumuvuza igihe cyose arwaye (**ingingo ya 7 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

Umwana wese uri mu Rwanda ashakirwa ubwishingizi bw'indwara hakurikijwe amategeko abigenga. Leta itangira abana b'imfubyi batishoboye n'abandi bana batagira kivurira amafaranga y'ubwishingizi bw'indwara, byemejwe n'urwego rw'ibanze rubifitiye ububasha (**ingingo ya 6 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).



Umwana agomba kwitabwaho kuva agisamwa na nyuma yo kuvuka, niyo mpamvu leta yegereje abaturage ibigo nderabuzima kugirango ababyeyi batwite bijye biborohera kwipimisha ndetse igakangurira abo babyeyi kurya indyo yuzuye kugirango umwana azavuke afite ubuzima bwiza. Iyo umwana amaze kuvuka arakingirwa kugirango arindwe indwara z'ibyorezo ndetse agahabwa ifunguro rikwiye kandi ryuzuye kugirango agire ubuzima bwiza.

- **Uburenganzira bw'umwana ku bwisanzure mu mitekerereze, mu kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini**

Bitewe n'ikigero agezemo, umwana afite uburenganzira ku bwisanzure bwo gutekereza, ubwo kugaragaza ibitekerezo bye, ubwo kugira umutimanama no guhitamo idini abigiriwemo inama kandi abiyobowemo nta gahato n'ababyeyi be cyangwa umwishingizi we (**ingingo ya 9 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

➤ **Uburenganzira ku butabera**

Ingingo ya 17 y’Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n’imibereho myiza by’umwana ivuga ko umwana wese ukurikiranyweho cyangwa wahamwe n’icyaha afite uburenganzira bwo gufatwa mu buryo bwihariye bihuye n’uburyo umwana yumva icyubahiro n’agaciro bye kandi bigafasha umwana kurushaho kubaha uburenganzira bwa muntu n’ubwisanzure bw’ingenzi bw’abandi.

Iyo ngingo ivuga kandi ko ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo nta mwana ufunzwe cyangwa wabujijwe ubwisanzure ukorerwa iyicarubozo cyangwa ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro; nta mwana ufunganwa n’abantu bakuru; ko umwana ukurikiranyweho icyaha afatwa nk’umwere igihe cyose icyaha kitaramuhama; amenyeshwa ibyo aregwa kandi agahabwa umusemuze igihe atumva ururimi, agashakirwa umwunganizi kandi urubanza rwe rukaburanishwa vuba bishoboka, yaba ahamijwe icyaha akabona uburyo bwo kujuririra urukiko rwisumbuyeho.

Ingingo ya 26 y’Itegeko ryerekeye kurengera umwana ivuga ko imibereho bwite y’umwana ukurikiranywe mu butabera cyangwa wakorewe icyaha igomba kubahwa, kurindwa no kurengerwa mu nzego zose z’imikurikiranire yose y’icyaha. Umwana udafite umwishingizi, Leta niyo imushakira umwunganira mu gihe aburana mu nkiko.

Uretse impamvu y’insubiracyaha, umwana ugikorera iperereza, ibyaha yaba akurikiranyweho ibyo ari byo byose, ntashobora gufatwa. Umwana ashobora gufungwa by’agateganyo iyo gusa icyaha akurikiranyweho gihanishwa igihano cy’igifungo kirenze imyaka itanu (5) (**Ingingo ya 24 y’Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

Ingingo ya 37 y’Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw’Umwana, ivuga ko nta mwana ugomba gukatirwa igihano cy’urupfu cyangwa cyo gufungwa burundu.

➤ **Uburenganzira bw’umwana ufite ubumuga**

Umwana wese ufite ubumuga bwo mu mutwe cyangwa bw’ingingo, afite uburenganzira bwo gushyirirwaho uburyo bwihariye bujyanye n’ibyo akeneye kandi busigasira icyubahiro cye bukanamufasha kwigira no kugira uruhare

mu muzima bwa sosiyete abamo (**Ingingo ya 13 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana**).

Umubyeyi afite inshingano yo kwita ku mwana ufite ubumuga. Leta yita ku umwana ufite ubumuga bwihariye bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe iyo bibaye ngombwa. Umwana ufite ubumuga bwihariye bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe ashirwa mu kigo cyabigenewe kugira ngo yitabweho kandi avurwe mu gihe bibaye ngombwa (**ingingo ya 18 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

➤ **Uburenganzira bw'umwana w'impunzi**

Umwana usaba kwemerwa nk'impunzi cyangwa wemewe nk'impunzi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga, yaba ari wenyine cyangwa ari kumwe n'ababyeyi be cyangwa undi muntu, afashwa kubona uburenganzira yemererwa (**ingingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

Uburenganzira bw'umwana w'impunzi buvugwa kandi mu ngingo ya 23 y'Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana.

➤ **Uburenganzira bw'umwana wanduye cyangwa urwaye indwara idakira**

Umwana wanduye cyangwa urwaye indwara idakira arindwa ku buryo bwihariye kandi agafashwa na Leta hakurikijwe amikoro yayo (**ingingo ya 20 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

➤ **Uburenganzira bw'umwana ubana na nyina muri gereza**

Umugore utwite cyangwa ufite umwana utarageza ku myaka itatu (3) y'amavuko afungirwa mu gice cya gereza cyabugenewe (**ingingo ya 21 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

Uburenganzira bw'umwana ubana na nyina muri gereza, buvugwa kandi ku buryo burambuye, mu ngingo ya 30 y'Amasezerano nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana.

➤ **Uburenganzira bwo kwidagadura**

Umwana agomba guhabwa ibyangombwa bijyanye n'imikino n'imyidagaduro ndetse akanahabwa ikiruhuko byose bigamije imibereho myiza ye n'umuco.



Gukina ku bana ni ingirakamaro, bigira uruhare rukomeye mu gutuma umwana agira ubuzima bwiza yaba mu mitekerereze no ku mubiri. Bifasha abana kunguka ubwenge, kwisanzura no kuvumbura impano bifitemo. Bibafasha kandi gusabana n’abandi bana no guhorana ibyishimo kuko biruhura umubiri n’ubwonko ndetse bikabafasha gusohora ibyiyumviro byabo.

V. INSHINGANO ZA BURI WESE MU KURENGERA UMWANA

Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, mu ngingo yaryo ya 19 ivuga ko Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n’umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta bitewe n’ikigero n’imibereho arimo nk’uko biteganywa n’amategeko y’u Rwanda ndetse n’amategeko mpuzamahanga.

5.1. Inshingano z’umuryango

Ababyeyi cyangwa abandi bantu bita ku mwana nibo bashinzwe mbere na mbere kumurera no kumufasha gukura neza, bityo bakaba bagomba guhora bazirikana inyungu z’umwana; kumuha ibyangombwa akeneye kugirango ashobore gukura neza, bakurikije ubushobozi n’umutungo byabo no gukora ku buryo atozwa imyifatire myiza yo mu rugo, ku buryo bwa kimuntu kandi bumuhesha agaciro n’icyubahiro (**Ingingo ya 20 y’Amasezerano Nyafurika ku burenganzira n’imibereho myiza by’umwana**).

5.2. Inshingano za Leta

Leta ifite inshingano eshatu (3):

- **Inshingano yo kubaha uburenganzira bw'Umwana (obligation to respect):** bisobanuye ko Leta igomba gukora ibishoboka kugira ngo umwana abone uburenganzira, Leta ntigomba kugira aho ibangamira ubwo burenganzira.

Ingero: Umwana afite uburenganzira ku burezi, Leta igomba gushyiraho amashuri, ikanagenzura ko koko abana biga;

Umwana afite uburenganzira ku buzima, akwiye kubona inkingo zose za ngombwa; Leta igomba kuzishaka kandi zigatangwa ku bo zagenewe bese.

- **Inshingano yo kurengera uburenganzira bw'Umwana (obligation to protect):** Ifite inshingano zo gutuma hatagira umuntu cyangwa ikintu byabangamira ubwo burenganzira.

Urugero: Gushyiraho ibihano ku wahungabanya uburenganzira bw'umwana.

- **Inshingano yo gushyira mu bikorwa uburenganzira bw'umwana (obligation to fulfill):** Leta ifite inshingano yo gushyiraho amategeko, politiki, ingamba, porogaramu, inzego, uburyo butuma Umwana agera ku burenganzira bwe mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

Ingero: hashyizweho amategeko arengera umwana, Politiki y'uburezi n'ibindi.

5.3. Inshingano z'umwana

Buri mwana afite inshingano agomba kuzuzwa mu muryango we, mu muryango mugari, mu gihugu cyeye, imiryango yemewe n'amategeko no mu muryango mpuzamahanga. Umwana, hakurikijwe imyaka ye n'ubushobozi bwe, afite inshingano zo guharanira ubumwe bw'umuryango, kubaha ababyeyi be, abamukuriye n'abayobozi igihe cyose no kubafasha igihe ari ngombwa; gukorera igihugu cyeye agiha imbaraga n'ubwenge byeye; kubungabunga no gushyigikira ubumwe mu bo babana n'ubw'igihugu muri rusange (**Ingingo ya 31 y'Amasezerano Nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza by'umwana**).

VI. IBIHANO BITEGANYIJWE KU BYAHA BIKORERWA ABANA

Ibyaha bikorerwa abana ni byinshi kandi amategeko yateganyirije ibihano ababikora. Bimwe muri ibyo byaha ni ibikurikira:

- icyaha cyo gusambanya umwana

Umuntu wese ukorera ku mwana kimwe mu bikorwa bishingiye ku gitsina bikurikira, aba akoze icyaha:

1° gushyira igitsina mu gitsina, mu kibuno cyangwa mu kanwa k'umwana;

2° gushyira urugingo urwo arirwo rwose rw'umubiri w'umuntu mu gitsina, cyangwa mu kibuno cy'umwana;

3° gukora ikindi gikorwa cyose ku mubiri w'umwana hagamijwe ishimishamubiri.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri muni y'imyaka cumi n'ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

Iyo gusambanya umwana ufite cyangwa urengeje imyaka cumi n'ine (14) byamuteye indwara idakira cyangwa ubumuga, igihano kiba igifungo cya burundu.

Iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

Iyo icyaha cyo gusambanya umwana cyakozwe hagati y'abana bafite nibura imyaka cumi n'ine (14) nta kiboko cyangwa ibikangisho byakoreshejwe, nta gihano gitangwa.

Icyakora, iyo umwana ufite imyaka cumi n'ine (14) ariko utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) asambanyije umwana uri muni y'imyaka cumi n'ine (14), ahanwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 54 y'iri tegeko (**Ingingo y'133 y'Itegeko riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange**);

Iyo ngingo ya 54 ivuga ko “Iyo uwahamwe n'icyaha yari afite nibura imyaka cumi n'ine (14) y'amavuko ariko atarageza ku myaka cumi n'umunani (18) mu gihe icyaha cyakorwaga, ibihano bitangwa ni ibi bikurikira:

1° igifungo cy'imyaka itari muni y'icumi (10) ariko itarenga cumi n'itanu (15) iyo yari guhanishwa igifungo cya burundu;

2° igihano kidashobora kurenga kimwe cya kabiri (1/2) cy'igihano yagombaga guhanishwa, iyo yari guhanishwa igifungo kimara igihe kizwi cyangwa igihano cy'ihazabu.

- icyaha cyo guha umwana inzoga cyangwa itabi cyangwa kubimugurisha:

Umuntu wese uhamijwe n'Urukiko icyaha cyo kugurisha umwana inzoga cyangwa itabi, ubimushoramwo cyangwa umushishikariza kubinywa cyangwa kujya mu tubari, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari muni y'amezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW). **(Ingingo ya 27(3) y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana)**

- icyaha cyo guhoza umwana ku nkeke cyangwa kumuha ibihano biremereye

Umuntu wese uhamijwe n'Urukiko icyaha cyo guhoza umwana ku nkeke cyangwa umuha ibihano biremereye cyangwa bitesha agaciro harimo n'ibyo ku mubiri, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW).

Iyo icyo cyaha kiviriyemo umwana ubumuga, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW). Iyo icyaha kiviriyemo umwana urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu **(Ingingo ya 28 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana)**.

- icyaha cyo kwambura umwana ababyeyi be, abishingizi be cyangwa abo asanzwe abana na bo

Umuntu wese uhamijwe n’urukiko icyaha cyo kwambura umwana ababyeyi be, abishingizi be bemewe n’amategeko cyangwa abo asanzwe abana na bo, ahanishwa igifungo kitari muni y’imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni y’ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) (**Ingingo ya 31 y’Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

- Icyaha cyo kwirengagiza inshingano z’umubyeyi cyangwa umwishingizi nta mpamvu

Umubyeyi, umwishingizi cyangwa undi wese ufite ububasha ku mwana mu buryo bwemewe n’amategeko utubahiriza imwe mu nshingano ze ziteganywa n’amategeko nta mpamvu yumvikana, ku buryo byagira ingaruka mbi ku buzima bw’umwana, ku mutekano we, ku mibereho ye cyangwa bigatuma umwana yishora mu buzererezi aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igihano cy’imirimo y’inyungu rusange mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1).

Iyo habaye isubiracyaha, igihano kiba igifungo kitari muni y’amezi abiri (2) ariko kitarenze amezi atandatu (6) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni y’ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano (**Ingingo ya 32 y’Itegeko ryerekeye kurengera umwana**);

- Icyaha cyo kwereka umwana amashusho yerekeranye n’ishimishamubiri rishingiye ku gitsina cyangwa kumwumvisha amajwi yaryo

Umuntu wereka umwana amashusho yerekeranye n’ishimishamubiri rishingiye ku gitsina cyangwa umwumvisha amajwi yaryo aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) (**Ingingo ya 33 y’Itegeko ryerekeye kurengera umwana**);

- Icyaha cyo guta cyangwa gutererana umwana

Umubyeyi, umwishingizi cyangwa undi urera umwana mu buryo bwemewe n’amategeko uta umwana ahagaragara cyangwa umutererana, aba akoze

icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi ijana (100.000 FRW).

Iyo umwana yatawe ahihishe, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).

Iyo gutererana umwana cyangwa kumuta byamuteye uburwayi budakira cyangwa ubumuga buhoraho, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).

Iyo gutererana umwana cyangwa kumuta byamuviriyemo urupfu cyangwa kuzimira burundu, igihano kiba igifungo cya burundu (**Ingingo ya 36 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

- Icyaha cyo gushora umwana mu busabirizi

Umubyeyi cyangwa umuntu wese ufite ububasha ahabwa n'amategeko ku mwana, ukoresha, woshya, ushora cyangwa ushishikariza umwana gusabiriza, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Iyo umwana washowe mu gusabiriza afite ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) (**Ingingo ya 37 y'Itegeko ryerekeye kurengera umwana**).

- Icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake

Umuntu wese, abishaka, ukomeretsa undi, umukubita cyangwa umusagarira ku buryo bwa kiboko bubabaje aba akoze icyaha. Iyo icyaha cyakorewe umwana, umubyeyi, uwo bashyingiranywe cyangwa umuntu udashoboye kwitabara kubera imiterere ye ku mubiri cyangwa mu bwenge, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000

FRW) ariko atarenga miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) (**Ingingo y'121 y'Itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange**).

- icyaha cyerekeye imirimo ibujijwe ku mwana

Umukoresha ku giti cye, ukoresheje umwana umwe mu mirimo ibujijwe ku mwana ivugwa mu ngingo ya gatandatu (6) y'iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ari isosiyete, ikigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga, ahanishwa gusa ihazabu ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yikuba incuro ebyiri (2) (**Ingingo ya 117 y'Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda**).

VII. BIMWE MU BYAGEZWEHO N'IGIHUGU MU GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BW'UMWANA

Mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana, Leta yakoze byinshi birimo ibikurikira:

- Hasinywe hanemezwa burundu amasezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana;
- Hashyizweho inzego zinyuranye zirengera uburenganzira bw'umwana;
- Hashyizweho amategeko anyuranye arimo ingingo zirengera uburenganzira bw'umwana. Amwe muri yo ni akurikira:

- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 (**ingingo ya 19**);

- Itegeko n°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana ;

- Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango (**ingingo ya 10, iy'28, iy'100, iy'128, iy'134, iy'140, iy'243, iy'246, iya 255**);

- Itegeko n° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura (**Ingingo ya 28, iya 54, iya 73, iya 76, iya 79**) ;
 - Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange (**Ingingo ya 54, iy'121, iya 122, iy'133 n'iy'151**) ;
 - Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda (**Ingingo ya 5, iya 6, iya 46.3 n'iy'117**).
- Hashyizweho politiki na gahunda binyuranye bigamije kurengera umwana. Aha twavuga :
- Politiki ikomatanya uburenganzira bwose bw'Umwana;
 - Politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
 - Politiki na Porogaramu y'Igihugu mbonezamikurire y'abana bato;
 - Gahunda ya Tubarerere mu Muryango;
 - Gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12;
 - Gahunda yo kugaburira abana ku ishuri.
 - Ishyirwaho ry'Urwego rw'abakorerabushake bitwa "Inshuti z'Umuryango".
- Guhera mu mwaka wa 2004, haba Inama Nkuru y'Igihugu y'abana buri mwaka ihuza abana bahagarariye abandi baturutse mu turere n'imirenge yose y'igihugu.

VIII. IBYO KOMISIYO IKORA MU BIJYANYE NO GUTEZA IMBERE KURENGERA NO UBURENGANZIRA BW'UMWANA

Ingingo ya 6(4⁰), y'itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 ryahinduwe n'itegeko n° 61/2018 ryo ku wa 24/08/2018 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo, iha Komisiyo inshingano yihariye yo kugenzura by'umwihariko iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana.

Ni muri urwo rwego Komisiyo ikora ibikorwa binyuranye mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana. Muri byo harimo:

- Kwakira no gukurikirana ibibazo bigaragaramo ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana;
- Gukora igenzura ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana;

- Gukora ubushakashatsi ku bibazo bibangamiye uburenganzira bw'umwana;
- Kugaragariza inzego bireba ibikwiye gukosorwa kugirango uburenganzira bw'umwana burusheho kubahirizwa no gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa.
- Gukangurira abaturarwanda mu byiciro binyuranye uburenganzira bw'umwana no kubashishikariza kubwubahiriza no kuburengera.
- Komisiyo kandi yashyizeho Urwego rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana (Observatoire des Droits de l'Enfant/ Observatory of Child's Rights) rukorera ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu. Urwo rwego ruha Komisiyo raporo ku bibazo bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana kugirango ibikurikirane ikore ubuvugizi mu nzego bireba.

IX. UMWANZURO

Imibereho y'umuntu ikwiye gutekerezwaho hakiri kare kuko uko yitawehe mu bihe bye byo mu bwana bigira uruhare rukomeye mu mibereho ye, igihe amaze kuba mukuru.

Ibyo umwana akorerwa akiri muto kuva akiri munda, nibyo biha ubwonko bwe umurongo w'ubuzima bwe bwose, bikagira ingaruka ku mikurire ye y'igihagararo, imitekerereze, imyigire n'imyitwarire ye mu bandi, mu muryango no ku iterambere ry'Igihugu muri rusange.

Niyo mpamvu ari ngombwa ko buri wese agira uruhare mu kurengera uburenganzira bwe kugirango akure neza, agire ubuzima bwiza buzira ihohoterwa.

Guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana bifite akamaro kanini kuko hagati yo kuba umwana no kuba umuntu mukuru harimo urugendo rurerure.

Ni ngombwa kurumufashamo no kumurengera kugirango akure neza yaba mu mitekerereze cyangwa mu gihagararo. Ibyo nibyo bituma aba umuntu mukuru wuzuye ufite ubuzima bwiza n'indangagaciro zimufasha kubana n'abandi mu mahoro no mu bworoherane, kwigirira akamaro we ubwe, umuryango we ndetse n'igihugu muri rusange.

INYANDIKO ZIFASHISHIJWE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

Mu gutegura iyi mfashanyigisho hifashishijwe amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda bikurikira:

1. Intangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bw'umwana;
2. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;
3. Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989;
4. Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo ku wa 11 Kamena 1990;
5. Itegeko n°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana;
6. Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango;
7. Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.